Umwe muri mwe ntaraba umwemera by'ukuri kugeza ubwo azankunda kuruta uko akunda umubyeyi we, n'umwana we ndetse n'abandi bantu muri rusange

Hadithi yaturutse kwa Anass (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwe muri mwe ntaraba umwemera by'ukuri kugeza ubwo azankunda kuruta uko akunda umubyeyi we, n'umwana we ndetse n'abandi bantu muri rusange.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuyisilamu atagira ukwemera kuzuye cyeretse urukundo akunda Intumwa y'Imana arubanje ku rwo akunda nyina, na se, n'umwana we ndetse n'abantu bose. Urwo rukundo rudusaba kuyumvira no kuyirengera no kuyitabara ndetse no kureka kuyigomekaho.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/5953